**ITEKA RYA MINISITIRI N° 003/14 RYO KU WA 14/04/2014 RIGENA INSHINGANO, IMITUNGANYIRIZE, IMIKORERE BY'IBIRO BY'UBUTAKA KU RWEGO RW' AKARERE**

**<u>ISHAKIRO</u>**

**<u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE**

**<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije**

**<u>UMUTWE WA II :</u> INSHINGANO**

**<u>Ingingo ya 2:</u> Inshingano rusange z'ibiro by'ubutaka by'akarere**

**<u>Ingingo ya 3:</u> Inshingano zihariye z'Umukuru w'Ibiro by'ubutaka**

**<u>UMUTWE WA III:</u> IMIKORERE**

**<u>Ingingo ya 4:</u> Ishyirwaho ry'abakozi b'Ibiro by'ubutaka by'akarere**

**<u>Ingingo ya 5:</u> Kugena umusigarira ku mirimo**

**<u>Ingingo ya 6:</u> Amabwiriza yerekeye imikorere**

**<u>Ingingo ya 7:</u> Gutanga raporo**

**MINISTERIAL ORDER N° 003/14 OF 14/04/2014 DETERMINING RESPONSIBILITIES, ORGANISATION, FUNCTIONING OF DISTRICT LAND BUREAU**

**<u>TABLE OF CONTENTS</u>**

**<u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS**

**<u>Article One:</u> Purpose of this Order**

**<u>CHAPTER II:</u> RESPONSIBILITIES**

**<u>Article 2:</u> General responsibilities of the district land bureau**

**<u>Article 3:</u> Special responsibilities of the District Land Officer**

**<u>CHAPTER III:</u> FUNCTIONING**

**<u>Article 4:</u> District Land Bureau Staff recruitment**

**<u>Article 5:</u> Replacement of District land officer in case of absence**

**<u>Article 6:</u> Instructions related to functioning**

**<u>Article 7:</u> Reporting**

**ARRETE MINISTERIEL N° 003/14 DU 14/04/2014 DETERMINANT LES ATTRIBUTIONS, L'ORGANISATION ET LE FONCTIONNEMENT DU BUREAU FONCIER DE DISTRICT**

**<u>TABLE DES MATIERES</u>**

**<u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GENERALES**

**<u>Article premier :</u> Objet du présent arrêté**

**<u>CHAPITRE II:</u> ATTRIBUTIONS**

**<u>Article 2 :</u> Attributions générales du Bureau Foncier du District**

**<u>Article 3:</u> Attributions spéciales du chef du Bureau Foncier du District**

**<u>CHAPITRE III :</u> FONCTIONNEMENT**

**<u>Article 4 :</u> Recrutement des agents du Bureau Foncier**

**<u>Article 5 :</u> Remplacement du Chef du Bureau Foncier en cas de son absence au travail**

**<u>Article 6 :</u> Directives de fonctionnement du Bureau Foncier**

**<u>Article 7:</u> Rapport sur les activités**

**UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 8: Ivanwaho ry'ingingo z'amateka zinyuranyije n'iri teka**

**Ingingo ya 9: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

**CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS**

**Article 8: Repealing provision**

**Article 9: Commencement**

**CHAPITRE IV : DISPOSITIONS FINALES**

**Article 8 : Disposition abrogatoire**

**Article 9 : Entrée en vigueur**

**ITEKA RYA MINISITIRI N°003/14 RYO KUWA 14/04/2014 RIGENA INSHINGANO, IMITUNGANYIRIZE, IMIKORERE BY'IBIRO BY'UBUTAKA KU RWEGO RW' AKARERE**

**Minisitiri w'Umutungo Kamere;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'U Rwanda ryo kuwa 4 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko nº 43/2013 ryo kuwa 16/06/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda cyane cyane mu ngingo yaryo ya 32;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 28/03/2014 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**<u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE**

**<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigena inshingano, imitunganyirize, imikorere by'ibiro by'ubutaka ku rwego rw' akarere kandi rikagena imikoranire n'izindi nzego zifite ubutaka mu nshingano zazo.

**MINISTERIAL ORDER N°003/14 OF 14/04/2014 DETERMINING RESPONSIBILITIES, ORGANISATION, FUNCTIONING OF DISTRICT LAND BUREAU**

**The Minister of Natural Resources;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 4th June 2003 as amended to date, especially in Articles 120 and 201;

Pursuant to Law nº 43/2013 of 16/06/2013 governing land in Rwanda, especially in Article 32;

After consideration and adoption by the Cabinet, in its meeting of 28/03/2014 ;

**ORDERS:**

**<u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS**

**<u>Article One:</u> Purpose of this Order**

This Order determines the responsibilities, organization, functioning of district land bureau and determines also the working relationship with other institutions having land in their attributions.

**ARRETE MINISTERIEL N°003/14 DU 14/04/2014 DETERMINANT LES ATTRIBUTIONS, L'ORGANISATION ET LE FONCTIONNEMENT DU BUREAU FONCIER DE DISTRICT**

**Le Ministre des Ressources Naturelles ;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120 et 201;

Vu la Loi n° 43/2013 du 16/06/2013 portant régime foncier au Rwanda, spécialement en son article 32;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, dans sa séance du 28/03/2014;

**ARRETE:**

**<u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GENERALES**

**<u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine les attributions, l'organisation et le fonctionnement du Bureau Foncier de District et aussi le mode de fonctionnement avec d'autres institutions ayant le foncier dans leurs attributions.

**UMUTWE WA II : INSHINGANO**

**Ingingo ya 2: Inshingano rusange z'ibiro by'ubutaka by'akarere**

Ibiro by'ubutaka by'Akarere bishinzwe imicungire, imitunganyirize n'imikoreshereze y'ubutaka mu Karere.

Ibiro by'ubutaka ku rwego rw'Akarere bifite inshingano zikurikira:

1° gutegura inyandiko zigaragaza nyir'ubutaka no kuzigeza ku Mubitsi w'impapurompamo z'ubutaka kugira ngo yemeze ko hatangwa icyemezo cy'iyandikisha;

2° gukurikirana no kwemeza ipimwa ry'ubutaka buri mu mbago z'akarere hakurikijwe imihango n'imigenzo bishyirwaho n'itegeko n'andi mabwiriza;

3° gukurikirana kugena agaciro k'ubutaka hakurikijwe ibigenderwaho bishyirwaho n'itegeko n'andi mabwiriza;

4° kugira inama urwego rw'igihugu rushinzwe iyandika ry'ubutaka na serivisi z'ibipimo n'amakuru y'ubutaka n'ubuyobozi bw'akarere ku bibazo byose byerekeranye n'ubutaka;

5° kugenzura no gukurikirana imikoreshereze y'ubutaka buri mu karere.

**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES**

**Article 2: General responsibilities of the district land bureau**

The District land bureau is responsible for land management, land administration and land use in the district.

The District Land Bureau shall have the following responsibilities:

1° to prepare documents prooving land ownership and present them to Registrar of Land Titles to issue a certificate of land registration;

2° to monitor and approve land survey within the district jurisdiction in accordance with procedures and methods provided by the law and other instructions;

3° to monitor land valuation in accordance with methods provided by the law and other instructions;

4° advise the national institution in charge of land registration and geo-information services and district authorities on all matters related to land;

5° supervise and monitor land use within the district.

**CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS**

**Article 2: Attributions générales du Bureau Foncier du District**

Le Bureau Foncier du District est chargé de la gestion, l'utilisation et l'aménagement des terres dans le District.

Le Bureau Foncier du District a les attributions suivantes :

1° préparer les dossiers fonciers et les soumettre au Conservateur des titres fonciers pour qu'il autorise la délivrance du certificat d'enregistrement foncier;

2° assurer le suivi du mesurage et du bornage des parcelles conformément aux procédures et méthodes prévues par les lois et règlements;

3° assurer le suivi et approuver les activités relatives à l'évaluation des terres et d'autres biens immeubles conformément aux méthodes prévues par les lois et règlements;

4° prodiguer des conseils à l'institution nationale de l'enregistrement foncier et services de géo-information et au district sur toutes les questions relatives aux terres du district;

5° assurer le suivi de l'utilisation des terres se trouvant dans le district.

Ku byerekeye imitunganyirize y'imikoreshereze y'ubutaka, Umukuru w'ibiro by'Ubutaka mu rwego rw'akarere agisha inama inzego bireba.

**Ingingo ya 3: Inshingano zihariye z'Umukuru w'Ibiro by'ubutaka**

Umukuru w'Ibiro by'Ubutaka ku rwego rw'Akarere ashinzwe:

1° kuyobora no guhuza ibikorwa by'Ibiro by'Ubutaka;

2° kwemeza no gushyira umukono ku nyandiko z'ihererekanya ry'uburenganzira ku butaka;

3° guhugura abashinzwe imicungire y'ubutaka ku rwego rw'imirenge;

4° gushyira hamwe no gusesengura raporo z'imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu mirenge igize akarere;

5° kugira inama Ubuyobozi bw'akarere n'ubw'imirenge ku micungire n'imikoreshereze y'ubutaka;

6° gutanga amakuru ari muri rejisitiri y'ubutaka akurije amabwiriza y'Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka.

On land use and development, the District Land Officer shall make prior consultations with other institutions of regulation.

**Article 3: Special responsibilities of the District Land Officer**

The District Land Officer shall be in charge of:

1° leading and coordinating all activities of the land bureau;

2° approving and authentifying of land transfer documents;

3° training of staff in charge of land management at sector level;

4° compiling and analysing land use reports submitted by all sectors composing the district;

5° advising the district's and sector's authorities on matters related to land management and land use;

6° availing information from land registry in accordance with instructions of the Registrar of land titles.

Le Chef du Bureau Foncier du district consulte préalablement les institutions de régulation sur l'utilisation et l'aménagement des terres.

**Article 3: Attributions spéciales du chef du Bureau Foncier du District**

Le Chef du Bureau Foncier est chargé de:

1° coordonner les activités du bureau foncier du district;

2° approuver et authentifier les mutations de la propriété immobilière;

3° former le personnel chargé de la gestion foncière dans les secteurs ;

4° compiler et analyser les rapports sur l'utilisation et de l'aménagement des terres se trouvant dans tous les secteurs;

5° prodiguer des conseils aux autorités du district et celles des secteurs sur toutes les questions relatives aux terres se trouvant dans le district;

6° donner les informations se trouvant dans le registre foncier en suivant les instructions du Conservateur des titres fonciers.

**UMUTWE WA III: IMIKORERE**

**Ingingo ya 4: Ishyirwaho ry'abakozi b'Ibiro by'ubutaka by'akarere**

Umukuru w'Ibiro by'Ubutaka mu Karere kimwe n'abandi bagize ibiro by'ubutaka ku rwego rw'akarere bagenwa n'Inama Njyanama y'Akarere ishingiye ku nama yagiriwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe iyandika ry'ubutaka na serivisi z'ibipimo n'amakuru y'ubutaka.

**Ingingo ya 5: Kugena umusigarira ku mirimo**

Iyo Umukuru w'Ibiro by'Ubutaka agize impamvu zituma ataboneka mu mirimo ye, agena umusigarira ku mirimo ye mu bagize Ibiro by'Ubutaka akabimenyesha Umuyobozi w'Akarere n'Umubitsi w'impapurompamo z'ubutaka ushinzwe ifasi ibiro by'ubutaka by'Akarere bibarizwamo mu nyandiko. Muri iyo nyandiko, yerekana neza imirimo umusigariyeho azakora.

Ku byerekeranye n'inshingano yo kwemeza amasezerano y'ihererekanya ry'ubutaka, Umubitsi w'impapurompamo z'ubutaka agena Umukuru w'Ibiro by'Ubutaka wo mu kandi Karere ko muri iyo fasi uzasigara yemeza amasezerano y'ihererekanya ry'ubutaka kugeza igihe uwasigariweho agarukiye ku kazi.

**CHAPTER III: FUNCTIONING**

**Article 4: District Land Bureau Staff recruitment**

The District Land Officer, as well as other staff of the land bureau, shall be recruited by the district council based on the advise from the national institution in charge of land registration and geo-information services.

**Article 5: Replacement of District land officer in case of absence**

In case of absence of the district land officer, the latter shall appoint his replacement from among district land bureau staff and shall inform, in writing, the District Mayor and Registrar of Land Titles in charge of the zone where the district is located. In that written notice, he/she shall indicate with precission tasks that would be done by his/her replacement.

For the responsibility of approving land transaction contracts, the Registrar of Land Titles appoints a District Land Officer from another district within the same zone who shall be standing in for approving land transfer contracts until he/she shall return to work.

**CHAPITRE III : FONCTIONNEMENT**

**Article 4 : Recrutement des agents du Bureau Foncier**

Le Chef du Bureau Foncier du District et les autres agents du Bureau Foncier du District sont recrutés par le Conseil du District après consultation avec l'Institution Nationale de l'Enregistrement Foncier et Services de Géo-information.

**Article 5 : Remplacement du Chef du Bureau Foncier en cas de son absence au travail**

Lorsque le Chef du Bureau Foncier s'absente pour un certain moment, il désigne un remplaçant parmi le personnel du Bureau Foncier, et informe par écrit le Maire du District et le Conservateur des Titres Fonciers. Il précise dans cette lettre les tâches qui seront accomplies par son remplaçant.

En ce qui concerne l'authentification des mutations de la propriété immobilière, le Conservateur des Titres désigne un remplaçant parmi les Chefs du Bureau Foncier de son ressort qui assure l'authentification des mutations de la propriété immobilière jusqu' à ce retour du travail.

**<u>Ingingo ya 6:</u> Amabwiriza yerekeye imikorere**

Ibiro by'Ubutaka ku rwego rw'Akarere bihabwa amabwiriza y'imikorere mu bya tekiniki n'urwego rw'Igihugu rushinzwe iyandika ry'ubutaka, imicungire yabwo na serivisi z'ibipimo n'amakuru y'ubutaka. Uru rwego runagenzura imikorere y'ibiro by'ubutaka mu rwego rwa tekiniki.

**<u>Ingingo ya 7:</u> Gutanga raporo**

Buri gihembwe, Umukuru w'Ibiro by'Ubutaka ashyikiriza raporo y'ibikorwa urwego rw'Igihugu rushinzwe iyandika ry'ubutaka, ibipimo n'amakuru y'ubutaka, akagenera kopi Umuyobozi w'Akarere akoreramo.

**<u>UMUTWE WA IV:</u> INGINGO ZISOZA**

**<u>Ingingo ya 8:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amateka zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka zibanziriza iri kandi zinyuranye na ryo zivanyweho.

**<u>Ingingo ya 9:</u> Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **14/04/2014**

**<u>Article 6:</u> Instructions related to functioning**

The District land bureau receives instructions related to techinical functioning from national institution in charge of land registration and geo-information services. The letter institution evaluates the techincal functioning of the district land bureau.

**<u>Article 7:</u> Reporting**

Every quarter, the district land officer shall transmit a report of activities to the national institution in charge of the national land registry and geo-information services and shall give a copy to the Mayor of the District of deployment.

**<u>CHAPTER IV:</u> FINAL PROVISIONS**

**<u>Article 8:</u> Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**<u>Article 9</u>: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **14/04/2014**

**<u>Article 6 :</u> Directives de fonctionnement du Bureau Foncier**

En matière technique, l'Institution Nationale de l'Enregistrement Foncier et Services de Géo-information donne les directives au Bureau Foncier du District et évalue son fonctionnement.

**<u>Article 7:</u> Rapport sur les activités**

Chaque trimestre, le Chef du Bureau Foncier transmet un rapport d'activités à l'institution nationale chargée de l'enregistrement et de la gestion des terres ainsi que des services de géo-information et réserve une copie au Maire du District d'affectation.

**<u>CHAPITRE IV :</u> DISPOSITIONS FINALES**

**<u>Article 8 :</u> Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires au présent Arrêté sont abrogées.

**<u>Article 9 :</u> Entrée en vigueur**

Le présent Arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **14/04/2014**

(sé)
**KAMANZI Stanislas**
Minisitiri w'Umutungo Kamere

(sé)
**KAMANZI Stanislas**
Minister of Natural Resources

(sé)
**KAMANZI Stanislas**
Ministre des Ressources Naturelles

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya Leta

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux